AMATEGEKO AGENGA IRUSHANWA RY'AGACIRO DEVELOPMENT FUND.

Ingingo ya 1

Irushanwa ry'igikombe rya Pre-season (Agaciro Development Fund) umwaka wa 2015 rizatangira tariki ya 15/08/2015 iki ya risozwe tariki ya 30/08/2015.

Ingingo ya 2

Kugira ngo ikipe ikine irushanwa ry'Agaciro Development Fund umwaka wa 2015 igomba kuba yemewe na FERWAFA.

Ingingo ya 3

FERWAFA niyo itanga gahunda yerekana uko amakipe azahura, ikanayihindura iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 4

Irushanwa ry'igikombe cy'Agaciro Development Fund umwaka wa 2015 rizakinwa n'amakipe 16 n'ukuvuga amakipe 14 yari asanzwe mu cyiciro cya mbere hiyongeho amakipe abiri yatsindiye kujya mu cyiciro cya mbere umwaka wa 2015.

Ingingo ya 5

Mu majonjora amakipe azashyirwa mu matsinda ane ,buri tsinda rikazaba rigizwe n'amakipe 4 tugegendeye mu ntara amakipe abarizwa mo kandi hakazakinwa imikino ibanza niyo kwishyura.

- Itsinda rya mbere rigizwe n'amakipe akurikira: Rayon Sport, Mukura, Amagaju, Espoir.
- Itsinda rya kabiri rigizwe n'amakipe akurikira: Etincelles, Marine Musanze,Gicumbi.

- Itsinda rya gatatu rigizwe n'amakipe akurikira: Sunrise,Police, Isonga,Kiyovu.
- Itsinda rya kane rigizwe n'amakipe akurikira:Rwamagana,APR, AS Kigali, Bugesera.

Icyiciro cya mbere (phase 1)

Umukino ubanza: Tariki ya 15/08/2015

Umukino wo kwishyura : Tariki ya 17/08/2015

Icyiciro cya kabiri(Phase 2)

Umukino ubanza :Tariki ya 19/08/2015

Umukino wo kwishyura: Tariki ya 21/08/2015

Imikino ya ½: Tariki ya 23/08/2015

Umukino w'umwanya wa gatutu n'uwa nyuma : Tariki ya 30/08/2015

Ingingo ya 6

Umukinnyi uhawe ikarita itukura cyangwa agize amakarita abiri y'umuhondo ahagarikwa k'umukino ukurikira.

Ingingo ya 7

Ikipe ikinisha abakinnyi yifuza bose, ariko nta mukinnyi wemewe gukina mu makipe abiri.

Ingingo ya 8

. Ikipe yasuwe n'iyanditswe bwa mbere ku ingengabihe y'irushanwa ry'igikombe cy'Agaciro Development Fund.

. Muri ½ no ku mukino wa gatatu n'uwa nyuma , gutegura ikibuga,ndetse n'izindi depenses zose ziboneka ku kibuga bireba ikigega Agaciro development Fund ifatanyije na FERWAFA .

Ingingo ya 9

- Iyo amakipe anganyije byose mu mukino wo kwishyura hitabazwa penaliti.

Ingingo ya 10

Ikipe isabwa kwambara imyenda yabugenewe ya siporo ifite inimero zigaragara, kandi ikipe yasuye yavuzwe bwa kabiri isabwa kwitwaza imyambaro ibiri ifite amabara atandukanye mu kwirinda guhuza amabara.

Ingingo ya 11

Amakipe yombi agomba kugera ku kibuga mbere y'isaha imwe mbere y'umukino nkuko amategeko abiteganya.

Ingingo ya 12

Ikipe itagararagaye k'umukino ihanishwa mpaga y'ibitego 3 igahita inakurwa mu irushanwa ry'Agaciro Development Fund.

Ingingo ya 13

Gutanga ikirego bikurikiza amategeko asanzwe ya FERWAFA

Ingingo ya 14

- Iyo umukino uhagaze bitewe n'impamvu y'ibiza (Cas de force majeur) usubirwamo bucyeye, hagakinwa iminota yari isigaye. Amakarita n'ibitego byabonetse mu mukino ubanza bihabwa agaciro

- Hakina abakinnyi bari mu mukino igihe wari uhagaze.
- Abasifuzi na komiseri buwo mukino nti bahinduka keretse hari uwagize ikibazo gikomeye kandi akaba yabimenyesheje FERWAFA.
- Mu gihe ikipe yatsinzwe itagarutse gukina uwo mukino iterwa mpaga iyo iyatsinze itagejeje kubitego bitatu. Igihe ikipe yatsinze ibitego birenze bitatu nibyo bibarwa.

Ingingo ya 15

Amafaranga yinjiye ku mukino azashyirwa mu kigega Cy'Agaciro Development Fund hakuwemo ayakoreshejwe mu gutegura iri rushanwa.

Ingingo ya 16

Haramutse hagaragaye ibindi bibazo bitavuzwe muri aya mategeko, Komite Nyobozi niyo ifata icyemezo igendeye ku cyifuzo cya komisiyo ishinzwe amarushanwa yifashije amategeko ya FERWAFA,CAF, na FIFA,cyangwa igakoresha ubushishozi.

Me MULINDAHABI K. Jean Olivier

Umunyamabanga Mukuru wa FERWAFA